
# Rwanda (1978-1985)
# 2003-2009
# Stichting IFUNI 2009-2024





# Rwanda, igihugu cy'imisozi 1000. Umutima wa Afrika.



Inkuru z'imishinga ya Fondation IFUNI

Ifoto yo ku igifuniko:

**Gusura Murambi mu 1985**
**Aho baravuze bati: "Baradukunda".**
**Byari ukuri kandi byakomeje mu gihe kirenga imyaka 40.**


Inyandiko : Jan en Nelleke van Schaardenburgh-Luijendijk
Imiterere : Marcel Huijsman
Icapiro : BZ Repro, Digitale druk, Haaksbergen
Amafoto : Petra Elzes, Ole GrØntvedt,
Toon 't Hoen, Bert ten Kate en
Jan en Nelleke van Schaardenburgh

Gusemura : Michel Bihimana

# Ibirimo:

| | |
|---|---|
| Urupapuro rw'umutwe | 1 |
| Urutonde rw'ibirimo | 2 |
| Ijambo ribanziriza | 3 |
| Abayoboye imishinga ya Fondasiyo IFUNI | 4 |
| Imigani | 7 |
| Atelier y'udupupe ya Koperative "La Confiance" i Gisenyi | 8 |
| Atelier y'amakarita i Gisenyi | 14 |
| Ishyirahamwe ry'abiga koga ANAGI i Gisenyi | 16 |
| Ishuri ry'incuke Shalom i Gisenyi | 18 |
| Serivisi z'ubuvuzi bw'ababyeyi n'abana za Compassion i Gisenyi | 22 |
| Imishinga itandukanye i Kigarama | 24 |
| Rubengera | 28 |
| Kuva ku nzu y'igikonoshwa kugera kuri Hermitage Remera – Ruhondo | 32 |
| UBWUZU bisobanura (= "ibyishimo") i Byumba | 36 |
| Umushinga wa Hannah Ministries Tumurere i Byumba | 40 |
| APAPEB, harimo n'inyigisho z'ikoranabuhanga rya interineti | 42 |
| Ishuri ry'incuke HOPE i Byumba | 44 |
| Ishuri RAINBOW Ndera / Buhoro | 48 |
| Ingendo hamwe na IFUNI | 54 |
| Ubufasha bwihutirwa | 56 |
| Buruse | 57 |
| Ijambo ryo gushimira | 58 |
| Ibijyanye na IFUNI | 59 |
| Ijambo risoza | 60 |

Nta kintu na kimwe kiri muri iki gitabo gishobora gukoreshwa cyangwa gushyirwa ahagaragara binyuze mu icapiro, gufotora (fotokopi), imbuga nkoranyambaga,cyangwa ubundi buryo ubwo ari bwo bwose, hatabanje kubihererwa uruhushya rwanditse rutanzwe n'abagiteguye.

# Ijambo ribanziriza

**"Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge"**



Jan yari umupasiteri w'umumisiyoneri kuva mu 1978 kugeza mu 1985 muri EPR, Église Presbytérienne au Rwanda, mu majyaruguru ashyira uburengerazuba bw'igihugu. Yari yaroherejwe n'Umuryango w'Itorero rya Giporotesitanti ry'Abagereforme mu Buholandi (ubu ni PKN) akorera EPR. Twabaga i Gisenyi nk'umuryango ufite abana batatu.

Kuva mu 2003 twongeye gusura u Rwanda. Habaye intambara kuva mu 1990 kugeza mu 1997, aho icyabaye kibi kurusha ibindi ari Jenoside yakorewe abatutsi, yamaze amezi atatu mu 1994. Habayeho ihinduka ry'ubutegetsi. Abantu benshi bagize ibihombo bikomeye mu miryango yabo. Hari abishwe, abandi basiga amazu n'ibyabo cyangwa bakaba bari bakiri mu buhungiro. Twifuzaga kubana na bo mu byababayeho no kubereka ko tubitayeho. Ndetse, bishobotse, no kugira icyo dukora nyuma y'izabukuru yacu mu 2005! Twabanje bike, maze mu 2009 dushinga Fondasiyo ifite ikimenyetso cy'ikirenge: IFUNI, dukurikije umugani nyarwanda uvuga ko igikoresho cyo gukuramo ibyatsi mu bucuti ari ikirenge.

Inzitizi zose n'ibitekerezo by'imishinga byaturukaga ku busabe bw'inshuti zacu z'abanyarwanda / abayoboye imishinga. Twatangaga ubufasha (mu mafaranga no mu kwitaho), bo bagakora umurimo! Imishinga yari igenewe kumara igihe gito, yaba mito cyangwa minini, ariko buri gihe igamije kwigira no kwiha agaciro.

Ubu tugeze mu 2024, Fondasiyo IFUNI imaze imyaka 15 ibayeho kuva ku itariki ya 22 Ukwakira. Biragaragara ko tumaze gusaza, kandi twifuje gushyira hamwe no kwandika bimwe mu byakozwe. Imishinga minini kurushaho ni yo yasobanuwe muri aka gatabo. Twizeye ko muzakishimira.

Jan en Nelleke van Schaardenburgh-Luijendijk.

Aka gatabo katuwe sekuru w'abana bacu w'umunyarwanda: Pasiteri Nzabahimana Simeon (yavutse mu 1930, yitabye Imana mu 2007) n'umuryango we.

# Abatangije imishinga y'ishirahamwe IFUNI

**Mu myaka ishize twahuye n'Abanyarwanda benshi batangije imishinga itandukanye. Aha turavuga bamwe mu bayoboye imishinga bakomeye kurusha abandi.**



**Pasteur Simeon Nzabahimana** yari sekuru w'umunyarwanda w'abana bacu. Yagize uruhare rukomeye mu ishingwa ry'akarere ka Gisenyi (kaje kuba akarere ka kane ka EPR muwi 1982). Yanabaye umuyobozi w'itangizwa ry'ishuri ryigisha abarimu ENT, CERAI (1984) i Rubengera, inzu y'abashyitsi Bethanie (1984) ku Kibuye, n'umuryango w'abadiyakonesi Abaja ba Kristo mu 1984.
Yari umuntu w'umuhanga mu guhanga udushya, utinya Imana, kandi wabonaga amahirwe mubintu byose. Akiri umwana w'imyaka 12, yari yarabonye ko ingurube ishobora kubyara ibyana byinshi icyarimwe, rimwe na rimwe bigera kuri 12.

Nzaba 1979

Kuva mu 2003 twahoraga ducumbika iwe iyo twageraga mu Rwanda. Ikibabaje ni uko yitabye Imana hakiri kare muri 2007. Yagize uruhare rukomeye mu ishingwa ry'imishinga ya **IFUNI i Rubengera.**



De dames van het poppenatelier

**Atelier y'udupupe** yatangiye mu 1987 igizwe n'abagore bakiri bato bagera kuri 35. Kuva mu 1990, babaye koperative yigenga yiswe "La Confiance".

Nyuma ya Jenoside n'intambara, mu 1997 bakomeje umurimo n'abagore 13, buri wese afata inguzanyo yo kugura ibikoresho n'imashini zidoda. Twahuye na bo mu 2003 kandi tubasha kubafasha mu kugurisha ibicuruzwa byabo mu Buholandi. Basobanura neza kandi badusaba ubufasha gusa igihe bibaye ngombwa.

Turabashimira cyane kubera uko bategura neza ibikorwa byabo, ubumwe n'ubufatanye bagirana hagati yabo (bagafasha imiryango yabuze umwe mu bayigize), ndetse n'umurava n'ubushake bwo guhangana n'ibibazo.


Sebuhoro Fulgence


Rufoko Emmanuel

**Sebuhoro Fulgence** twamumenye mu 1978 i Gisenyi, afite imyaka 16. Yari impfubyi akomoka i Rubengera kandi yize i Goma. Kuva mu ntangiriro yagize uruhare mu guteza imbere ikibanza (cyari cyuzuye amabuye ya lava). Mu 1981 yagizwe umubitsi w'imari w'iki kigo ndetse aba ukuboko kw'iburyo kwa Padiri Jérémie. Yari umuntu wizerwa cyane ku itorero, kuri twe ndetse no ku wadusimbuye.

Mu 2003 twongeye kugera i Gisenyi. Hariho itorero rikura kandi rifite imbaraga. **Fulgence** yitaye cyane ku nyungu **z'atelier y'udupupe n'iy'amakarita** i Gisenyi, abikorana na **Rufoko Emmanuel**. Uwa nyuma na we yatangije ishuri ryo **kwigisha koga**. Bombi bafatanyije kwita ku mishinga yo i **Kigarama**, ndetse nyuma banafasha mu ishingwa ry'**ishuri ry'incuke i Gisenyi**. Fulgence yitabye Imana mu 2012, Rufoko na we yitabye Imana mu 2015.

**Blandine Kamuyumbu** ni umugore wa Michel Bugingo, umuganga wari umuyobozi w'ibitaro bya Gisenyi icyo gihe. Twabaye inshuti. Ku bufasha bwa Kinderpostzegels NL (binyuze mu bufasha bwa Pien de Lange), Blandine na Nelleke bashoboye gutangiza ishuri ry'incuke rya mbere mukarere, Mweija, i Gisenyi.




Blandine en Michel in 2016

Mu 2003 twongeye guhura i Byumba. Aho Blandine yari umuyobozi w'amacumbi y'abashyitsi y'Itorero ry'Abangilikani. Yari yarafashije gutangiza imishinga itandukanye: harimo banki y'abahinzi yo mu gace batuyemo (Iriba); yari yarateguye abagore bapfakazi ku buryo Byumba yagumaga isukuye, kandi yari yarashinze uruganda ruto rutunganya maracouja.

Mu 2007 Blandine yatangije hoteli nto, nyuma yaje kwitwa **UBWUZU**. Umushinga wagenze neza (**reba imishinga yo i Byumba**).

## **Violette Nyirarukundo** na **Epafrodite Mwenedata**:

Violette Nyirarukundo en Epafrodite Mwenedata

Twabamenye kuva mu 1978 nk'umukobwa n'umukwe wa Pasteur Nzabahimana. Nyuma y'urupfu rutunguranye rwa Pasteur Nzabahimana mu 2007, Jan yahawe icyumba cye nk'aho yararaga i Kigali. Babaye inshuti magara. Bombi bagize uruhare runini mu bikorwa by'itorero i Kigali. Mu gihe kirenga imyaka 25, Violette yari umuyobozi wa diakoniya naho Epa yari umuyobozi w'inama y'itorero rya Kiyovu. Nyuma y'izabukuru ya Epa, bimukiye i Ndera mu 2012. Aho na ho bifuzaga gushinga umuryango w'itorero rya EPR. Epa yararotaga gushinga ishuri ryuzuye i Ndera



Edgar Gakindi

**Edgar Gakindi** Yakomokaga i Rubengera. Se yasemuye Bibiliya y'abana ya Anne de Vries, izwi cyane mu Buholandi, yiswe **"Kera Habayeho"**. Uretse garaji nto, yanashinze n'ikigo gito gishinzwe ingendo n'ingendo z'ubukerarugendo, kandi yadufashaga buri gihe mu gutegura no kudutwara mu ngendo zacu. Yitabye Imana mu 2015. Turamukumbura cyane, Edgar Gakindi. Nyuma y'urupfu rwe, ingendo z'amatsinda ntizongeye kubaho.




Pasteur Pascal Bataringaya en Louise Uwimana

**Pasteur Pascal Bataringaya** na **Louise Uwimana** twabamenye i Byumba mu 2008, igihe yari akimara kuba visi-perezida w'Itorero rya EPR. Kubera kuvunika gukomeye k'ukuguru mu mpanuka y'imodoka, yamaze umwaka wose adashobora kuva mu rugo. Mu kwezi kwa Werurwe 2015 yagizwe perezida w'itorero, maze Louise atangira kuganira n'itsinda uko bashobora gutegura uburezi bw'incuke buhendutse kandi bworoheye abantu bo i Byumba. Ku ntangiriro byatangiriye muri chapelle iri hafi y'urugo rwabo. Byagenze neza cyane. Ku bufasha bw'umuterankunga ukomeye, binyuze muri IFUNI, bashoboye kugura inzu. Ishuri ry'incuke HOPE ubu ni ahantu hahendutse kuburyo n'abatishoboye bashobora kubonamo umwanya.


## Imigani

## Ikinyarwanda ni ururimi rwiza cyane

**Inkuru n'imigani byahoraga bivugwa bikagenda bisakazwa, kandi byari bifite ibisobanuro byimbitse.**

**Jan yakundaga cyane gukoresha imigani, ni yo mpamvu tubasangiza imwe muri yo.**

Imigani y'ikinyarwanda ku bufatanye n'ukwihangana:



Abashyize hamwe batwar'inzovu ku mashyi.

### " Kubaho ni ukubana "

samen zijn is welzijn!

### " Abashyize hamwe batwara inzovu ku mashyi "

Onze favoriet! Samen kun je een olifant op handen dragen; eendracht maakt macht.

### " Imana ifasha abifashize "

God helpt, wie zichzelf helpen.

### " Buhoro, buhoro bugeza umuhopfu kw'iriba "

Een rustig tempo maakt dat zelfs de aardworm bij de bron komt.

### " Uwitonze akama ishashi "

Wie geduld heeft zal het kalf melken. Vooral gebruikt als mensen actief geduld moesten oefenen en aandacht aan het doel blijven geven.

# Atelier y'udupupe

## cooperative la Confiance
## Gisenyi

**Ahagana mu 1987, abagore bamwe b'abakozi ba Heineken bakorera muri urwo ruganda batangiye gukora udupupe bafatanyije n'abagore 30 bari badafite akazi.**

Binyuze kuri Ambasade y'Ubuholandi (mu 1989) habonetse inkunga yo kubaka inzu nto iciriritse. Muri iyo nzu hari n'aho gukorera atelier y'amakarita yagenewe abana bo mu muhanda. Iyo nyubako yari iri ku butaka bw'Itorero rya E.P.R. i Gisenyi. Twari tuzi neza bamwe mu bagize iryo torero, barimo Estheri Kakuze, wahoze adufasha, n'umugore wa Sebuhoro Fulgence, Adeline.



1987



Atelier y'udupupe: abagore baganira mu iduka



Abakozi baganira ku igenamigambi



Igipupe gifite ikarita y'uwagikoze

**1997**

Nyuma y'amahano y'intambara na Jenoside, mu 1997 atelier, yari yarasahuwe, yongeye gutangira akazi ikorana n'abagore 13 baturukaga mu madini atandukanye, harimo n'abagore babiri b'Abayisilamu.

Buri wese yafashe umugabane wa 400.000 Fr. Rw. wo kugura imashini n'ibikoresho. Uko igihe cyagendaga gihita, ayo mafaranga yarishyuwe avuye munyungu. Kubera inkunga y'abakozi ba ambasade, habonetse n'abakiriya baturutse mu mahanga.



Imifuka yo mu ruganda rwa byeri ikoreshwa mu udupupe



Iyo hameze neza, bashobora gukorera hanze



Bari hanze bakuramo ibikoresho mu mifuka

Ibicuruzwa byose bigira ikarita irimo izina ry'umugore wabikoze. Iyo bigurishijwe, umugore wabikoze ahabwa 40% by'igiciro cyo kugura umwenda, 20% bigashyirwa hamwe bigakoreshwa mu kwishyura ibikenewe bihoraho bya koperative, naho 40% bikaba umushahara w'umurimo wakozwe. Uruganda rwa byeri ruracyatanga imifuka itsindagirwa m'udupupe imbere. Buri ku wa Gatanu nyuma ya saa sita badodera imiryango y'abagore bapfuye nyuma yo mu 1997, bityo bakaba bafite ibibazo by'ubukene.



2005



Imbere muri atelier.

## 2005

Kuva mu 2003 twabafashije mu kugurisha ibicuruzwa byabo, kandi twabazaniraga n'amadarubindi menshi yo gusoma.



Amadarubindi yo gusoma ku bakozi

## 2012

Mu 2012 twarababafashije mu:

- kubona amazi meza ku buryo burushijeho kunozwa
- gushyiramo robine yo mu nzu
- kongera urumuri muri atelier no
- gusana inkuta zangijwe n'isuri n'amazi y'imvura yo mu 2012.



Amazi n'urumuri, amadirishya n'umwuka



Robine yo mu nzu



Uburyo bwo kubika amazi

**2016** Kuva mu 2016 abagore batangiye kuzigamira gahunda yo kuzabafasha mu zabukuru. Ku ntangiriro bifuzaga kugura inzu bakayikoresha nka **Bed & Breakfast**. Kubera iyo mpamvu bakoze n'udufunguzo 500 two kugurishwa binyuze muri IFUNI. Nyuma byaje kugaragara ko kugura inzu bitashobokaga.



Uretse udupupe, hakozwe n'udufuka tw'amabara atandukanye






Ku meza

## 2017

Kuva mu 2017 hahuguwe amatsinda atatu, buri tsinda rigizwe n'abimenyereza umwuga bane. Uwo mushinga wagenze neza ku bufasha bwa fondasiyo Stichting Speeltuinvereniging De Houtmaat. Bamwe mu bagize ayo matsinda mashya bishyize muri koperative batanga umusanzu, abandi bo bakomeza gukora ku giti cyabo



mw 'iduka

## 2020

Amafaranga 15.000 y'amayero yakusanyijwe na Fondasiyo IFUNI hamwe n'amayero 10.000 abagore ubwabo bizigamiye, yagabanyijwe mu buryo bungana hagati y'abagize koperative bwa mbere. Bityo buri wese yabonye amahirwe yo kwifatira icyemezo ku buryo ayo mafaranga yashorwa nk'iteganyabukungu ryo mu zabukuru. Inkunga y'uyu mushinga twayihagaritse mu 2020.



Abagore bari kumwe n'abimenyereza umwuga n'abana babo, mu mwaka wa 2020

# Atelier y'amakarita

## Gisenyi

**Mu 1987, hamwe n'itangizwa rya atelier y'udupupe, hatangijwe i Gisenyi atelier y'amakarita igizwe n'abahungu 30. Iyi atelier yakoraga iyobowe n'umuryango w'Abadage wafashaga urubyiruko rwo mu muhanda.**



Mu gihe twongeye kugera i Gisenyi bwa mbere mu 2003, hari hasigaye abahungu 7 gusa. Bakoraga gusa iyo habonetse ikiraka, nta bubiko bw'ibicuruzwa bagiraga.

Ibikorwa byose byakorwaga mu mafaranga ahita atangwa (cash), kandi ayo mafaranga yahitaga akoreshwa. Bamwe muri abo basore bari bamaze kuba aba Papa.



Ikarita yerekana abagore bari kubyina



Bafatanyije na Rufoko Emmanuel

Kuva mu 2006 twagiye tugura amakarita meza yabo kenshi. Nta byinshi bari bakeneye: ibirere (biva m'urutoki), urwembe ruto, kole yo gufatisha n'amakarita, hiyongereyeho ameza n'intebe.

Mu 2008 bakoze bashaka kuzagura amagare mashya, yashoboraga kwishyurwa binyuze mu mafaranga avuye mu kugurisha amakarita.

Iyo nta kazi kabaga gahari, bakoreshaga ayo magare kugira ngo bagire icyo baronka. Icyageragejwe cyo kubafasha gushinga koperative bayobowe na Sebuhoro Fulgence na Rufoko Emmanuël nticyagize icyo kigeraho. Ntibari bafite ubushake buhagije. Abasore bifuzaga gukomeza ku giti cyabo ahandi.
Twahisemo kudakomeza gukorana na bo.
Umushinga warangiye mu 2010.



2007




Bari ku amagare yabo ubwabo biguriye

## Club yo Koga

# ANAGI,
Gisenyi
Asociation
de NAtation, GIsenyi

**Mbere y'intambara, umutoza w'urubyiruko (encadreur de la jeunesse) w'intara ya Gisenyi, inshuti yacu Rufoko Emmanuel, yari amaze igihe atanga amasomo yo kwigisha abantu bakuru koga mu kiyaga cya Kivu. Ibyo byari bikenewe cyane kuko nta mashuri yemewe yigishaga koga yari ahari, kandi abantu bake cyane ni bo bashoboraga koga. Ni yo mpamvu Abanyarwanda benshi batatinyukaga no gushyira amaguru mu mazi y'ikiyaga cya Kivu.**

Nyuma ya Jenoside yakorewe abatutsi, Rufoko yari yaratakaje ibikoresho bye byo kwigisha koga n'ibikoresho bifasha kureremba. Yifuzaga kongera gutangira kwigisha abana n'abantu bakuru koga. Mu 2007 twahawe ku buntu n'ikidendezi cyo koga "De Wilder" i Haaksbergen ibikoresho byabo byari byarashaje byo kureremba ("kurken"). Ibyo bikoresho byari ingenzi cyane kandi byari ingirakamaro cyane kuriwe.



Rufoko abarebera hafi



Abana bicaye bategereje , bambaye ibikoresho byo kureremba.



Rufoko yakomeje kandi gushaka ubufatanye n'African Social Club i Kigali kugira ngo hategurwe amarushanwa. Yanabonye inkunga yo kugura ubwato buto bwo gufasha no kugenzura amasomo, binyuze mu Budage.

Kuva mu 2011 uyu mushinga wakomejwe n'abandi, kuko Rufoko yari arwaye bikomeye. Yitabye Imana mu 2015



Bakaniga no kwibira bishimye!

# Shalom Kleuterschool

## in Gisenyi

Mu 2009 twahawe inkuru ko paruwasi ya Gisenyi ya EPR igiye gutangira kubaka, ku bw'icyizere, ikigo cya **Compassion** gifatanye n'ishuri ry'incuke.



IFUNI yaje gutabara igihe byagaragaraga ko, n'ubwo hari imbaraga nyinshi bari barakoresheje, ntibashoboraga gukomeza kubaka. Ku bufasha bwa IMPULSIS na Fondasiyo IFUNI, byashobotse gukomeza imirimo yo kubaka mu 2010 no mu 2011



Abana bafashwa na Compassion

Intego: kwakira no kwita ku bana bo muri Compassion bafite hagati y'imyaka 4 na 18. Abo bana bakirwa mu biruhuko no ku wa Gatandatu, bakabona amasomo abafasha gusubiramo, imyambaro y'ishuri, ubufasha mu biribwa iyo bikenewe, ndetse n'amafaranga y'ishuri ku bindi byiciro by'amashuri



Pasteur Joseph Ndagiro, Soeur Aloysie na Sebuhoro Fulgence




## 2013

Mu 2013 ishuri ry'incuke ryatangiye rifite umwarimu umwe. Amafaranga y'ishuri yari akiri inzitizi ikomeye ku babyeyi. Mu 2014 habayeho ibyiciro bibiri by'amashuri. Hahise hakurikiraho kubaka ikibuga cy'imikino, ubwiherero bushya n'icyumba cyo kubikamo ibikoresho.

Komite y'ababyeyi igenzura imicungire y'ishuri kandi ikita ku gukusanya amafaranga y'ishuri kugira ngo ishuri ribashe kwigira no kwiyobora



Mw'Ishuli



Ababyeyi baza gufata abana babo ku ishu



Abana bari mu ruziga rwo ku kibuga cy'imikino



Abana bakinira mu mucanga



Abana n'abashyitsi bari mu mukino wo kuzenguruka



Ibirori byo gusoza umwaka w'amashuri n'ababyeyi



Abana bishimye




Umunsi w'ishuri urarangiye


(2012 – 2016)

# Kwita k'umubyeyi n'umwana

## bya Compassion ya Gisenyi

**Igihe ishuri ry'incuke ryo muri Gisenyi ryari rimaze kuzura, ubuyobozi bwa Compassion Int. i Kigali bwatangaje ko, uretse abana 256 bari bamaze guterwa inkunga i Gisenyi, hashoboraga no gutangizwa umushinga w'Ubuvuzi n'Uwitaho Umubyeyi n'Umwana ku bagore batwite 35. Icyumba kimwe cy'ishuri ry'incuke ni cyo cyari gukoreshwa muri uwo mushinga. Fulgence Sebuhoro yagizwe umuhuzabikorwa wa Compassion.**

Bityo abana 35, kuva amezi 6 mbere yo kuvuka kugeza bageze ku myaka 3 y'amavuko, babonye intangiriro nziza mu buzima. Mu buryo busanzwe, nyuma yaho binjiraga muri gahunda y'ishuri ya Compassion. Iyo gahunda yari igizwe no kwishyurirwa ishuri, kwitabwaho nyuma y'amasomo, imyambaro n'ubufasha.




Ikirango cya Compassion Int. i Gisenyi / Inzira y'abana



Abagore bitegura kubyara abana

mu bijyanye n'ibiribwa n'ubuzima, kandi ibyo byose byakorwaga kugeza barangije amashuri yisumbuye. Iyi gahunda yagenewe amatorero yose y'abaporotesitanti yo mu mujyi wa Gisenyi yarahagaritswe ku bw'amahirwe macye mu mwaka wa 2016.

Fulgence yari yaritabye Imana mu 2012.






Abayobozi imbere y'amafoto y'abagore n'abana

## (2007 – 2017)

# Kigarama

## Imishinga itandukanye

**Nyuma ya jenoside, muri paruwasi ya EPR i Kigarama mu misozi iri hejuru ya Nyundo, hari harabayeho abapfakazi benshi n'imfubyi. Ubuzima bwari bugoye cyane muri ako gace k'imisozi kiganjemo imvura.**

Ku bufatanye na Fulgence, diyakoneri yo muri Haaksbergen n'ibitaramo bya Vijverberg, guhera mu mwaka wa 2007 twashoboye gutera inkunga imishinga myinshi



Ihamagarira abantu kwitabira





Fulgence ari mu kiganiro n'abagore



Abagore bahawe inyubako yabo bwite yo gukoreramo amakoperative no kwiga gusoma no kwandika



Umushinga w'ihene





Inzira yo kugerayo ntiyari yoroshye



Gutwara imizigo ku igare unyuze ku “kiraro’

Nyuma haje no kongerwaho umushinga w’amagare ugenewe urubyiruko. Twahawe imyambaro y’umupira w’amaguru iturutse muri Sport2all. Mu rugendo rwo mu mwaka wa 2011, twasuye uyu mushinga.

Mu mwaka wa 2012, ku bw’amahirwe macye, Fulgence Sebuhoro yaritabye Imana, akaba yari umuhuza wacu muri uyu mushinga. Mu 2013 twatangiye kwakira amakuru avuga ko urubyiruko rwinshi rwimukira ahandi kubera kubura imirimo. Abantu bagize inzara muri aka gace k’imisozi ubundi karumbuka cyane, bitewe na gahunda ya leta yuko buri karere gahinga ubwoko bw’’imyaka imwe gusa. Habayeho isuri nyinshi, ubutaka bunanirwa kwera. Kubera kugera muri aka gace bigoranye, ntitwashoboye gukomeza gufasha abapfakazi n’urubyiruko rwari ruhatuye.

Mu 2017 twabashije gusura mu gihe gito ishapeli ya Nkuli yahindutse paruwasi nshya ya E.P.R. ya Nyabirasi. Abagore bose bo mu makoperative n’abayobozi bamwe bo muri za paruwasi bahawe amatara y’izuba ya Waka-Waka mu gihe cya Noheli 2017. Bayi bayi agatadowa (itara rya peteroli rishyira ubuzima mu kaga)!



Uruzinduko rwo mu 2011



Aha Jan ahawe inkoni yo kugendesha (goastok)



**Imyambaro y'umupira w'amaguru**



**Abapfakazi bafite amatara ya Waka-Waka (amatara yo mu ntoki akoresha ingufu**

## (2005- 2008)

# Rubengera

## Rimwe mu paruwasi ya EPR ya kera mu Rwanda

**Pasteri Nzabahimana Simeon yaratuye I Rubengera, niwe watangije umurimo w'ivugabutumwa i Gisenyi ahagana 1970.**

Mu mwaka wa 1978, Jan yagizwe umupasiteri ushinzwe amahugurwa n'iterambere ry'abayobozi (kadre) mu cyahoze ari sous-région ya Gisenyi.



Inzu yariri m'ubusitani bwiza



Yakundaga cyane amatungo kandi akboko ke kakeza.

Pasiteri Simeon Nzabahimana yahoraga afite imishinga kandi anafite impano yo guhinga (ukuboko kweza). Mu buzima bwe yashoboye gutangiza no guteza imbere imishinga myinshi ikomeye, harimo amashuri mato nayisumbuye (NT na CERAI); inzu y'abashyitsi Bethaniye ku Kibuye; umuryango w'abadiyakonesi i Rubengera; n'akarere ka kane ka EPR ka Gisenyi.



1984 Sr. Christine n'umuryango wacu.



2003 Ukuboza



Sr. Anke Slagmolen



Icyumba cya Sr. Christine; inyuma yako kabati, hari urugi rujya mu cyumba aho abantu 9 b'Abatutsikazi bihishe amezi atatu.



Fulgence na Sr. Dorien bari kumwe na Sr. Ingrid mu ruzinduko mu mwaka wa 2003



Ku giti kinini, mu mugi wa Rubengera aho bita ku Mana y'abagore.

Ahagana mu mwaka wa 1987, Pasteri Nzabahimana na Sr. Christine Schippers batangije umushinga wo kugaburira abantu bakuze. Nyuma yo gutangiza umuryango w'abadiyakonesi, Sr. Christine yari yaragiye mu kiruhuko cy'izabukuru maze aza gutura kwa Muzehe Nzaba i Rubengera.

Sr. Anke Slagmoelen na Sr. Dorien Peet ni bo bafashe ubuyobozi bw'umuryango w'abadiyakonesi. Sr. Ingrid van der Mede, nyuma ya 1994, yagize uruhare runini mu kwita ku muryango wa P. Nzaba, yakira kandi arera abahungu be babiri, Philemon na Michel.

Pasiteri Simeon yashakaga gufasha abageze mu zabukuru no gukomeza uwo mushinga mu mwaka wa 2003. Ibyo yabikoraga agamije kuziba icyuho kiri hagati y'abato n'abasaza. Inzozi ze zari ugutangiza umushinga wo gufasha abasaza n'abakecuru:

## NDINDA = "wacht op mij"

Hari umigani nyarwanda uvuga uti:

**"Ndinda ni kabiri, ndinda data,
ndinda mwana"**

dat is :

**"Wacht op mij zeg je 2x in je leven: 'wacht op mij papa', en 'wacht op mij kind'. "**



Itsinda ry'Igisoro mu 1984 ku Gisenyi

**Guhera mu 2006, twatangije iyi mishinga :**

- Umushinga wo kugaburira abaciye akanguhe "Ndinda**":** hari hubatswe icyumba cyo kuriramo, kandi hakabonekamo n'aho batekeraga.
- Koperative y'abageze mu zabukuru: "Dukomeze umurava". Bahawe imikino 10 y'Igisoro kugira ngo bacyigishe urubyiruko.
- Centre Nzaba: Inzu ye, mu gihe cya jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, yabaye nk'"inzu ya Anne Frank", aho abatutsikazi 9 bihishe amezi 3 mugice cyaho Sr. Christine yabaga.

Twagize ibyago, Pasteur Nzabahimana yitaba Imana ku wa 5 Mata 2007 afite imyaka 77.

Umushinga w'ifunguro no kwita ku bageze mu zabukuru wakomejwe mu 2009 n'umuryango w'Abadiyakonesi "Abaja ba Kristo" b'i Rubengera.

# Inzu y'uruziga yahindutse icyumba cy'amasengesho

## Remera - Ruhondo

**Muri Remera–Ruhondo, ku birenge by'ibirunga kandi hafi y'ikiyaga cya Ruhondo, ni ho hari ikigo cy'imyitozo n'isengesho (retraite) cya *Foyer de Charité*, cyashinzwe kandi cyubatswe na Padiri Claessens guhera mu mwaka wa 1968. Intambara na jenoside byatumye iki kigo gisahurwa burundu. Nyuma ya 1997, haje inkunga iturutse muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika yo kongera kugisana no kugisubiza mu murongo.**

Hahindutse ikigo cyiza cyane kiri ahantu hihariye, aho Foyer de Charité (itsinda ry'ababikira b'abalayiki) bafatanyije na Padiri Zdzislaw, wasimbuye Padiri Claessens, bakira abanyeshuri benshi bo mu mashuri yisumbuye n'abandi bashyitsi (abiyeguriye Imana n'abalayiki) kugira ngo babone umwanya wo gutekereza.

Ku gasozi gato kari kure gato, hari inyubako idasanzwe itarashyizwe mu mirimo yo gusana. Mu mwaka wa 1968, ubwo Padiri Claessens yajyaga gutura mu Rwanda, yubatse inzu nto izengurutse ifite igice kimanuka ku musozi.



Ikigo cya retraite cya Remera–Ruhondo


Urebye ahagana ku kiyaga


Igaragara nk'inzu nto imeze nk'igikonoshwa cy'isazi (slakkenhuis), ifite ibyumba bito byo kwakiramo abashyitsi; mbere byari ibyumba by'ababikira ba mbere, byubatswe ku ruhande rw'inzu ku musozi. Yubatswe mu buryo bukomeye kandi burambye cyane.

Nta mafaranga yari ahari yo gusana iyo nzu y'amateka imeze nk'igikonoshwa cy'isazi. Ni yo mpamvu guhera mu mwaka wa 2012 twatangaga inkunga ya euro 1000 buri mwaka. Icya mbere cyabaye ugushyira sima (cimentage), kuko imifuka yose yari ikeneye kongera gusanwa. Hanyuma hakozwe ku gisenge no ku mbaho. Amabati yasimbujwe bitume (bitumen). Nyuma hakozwe ivugurura ry'imbere mu nzu: ibyumba 6 bihindurwa 4, buri cyumba gifite ubwiherero n'aho kwiyuhagira.

Iyo nzu ubu yahindutse hermitage: ahantu hihariye hagenelwe "abibumbiye mu bwigunge", abashaka ituze n'abari mu bikorwa by'ubuhanzi cyangwa ibitekerezo byimbitse. Iherereye kure gato y'ikigo nyamukuru, kandi uyigeraho unyuze mu "nzira y'umusaraba". Biratangaje cyane!

Mu mwaka wa 2017, abashyitsi ba mbere barahasuye. Mu 2018, mu gihe cyo kwizihiza isabukuru y'imyaka 50, iyo hermitage yarafunguwe ku mugaragaro. Uyu murage w'agaciro watewe intambwe yo kuwubungabunga neza!


Uko hari hameze!


Padiri Zdzislav na Yohana, wavuguruye iyi nzu.
Yohana yari no mu bayubatse, hashize imyaka 50.





Igisenge gishya

Nyuma yo gusanwa mu 2016





Ibyumba 6 byahinduwe 4, bifite ubwiherero n'aho kogera.



Inzira y'Umusaraba yo hanze ni irembo ry'inzu yuruziga



Kracht



Imbere mur shapeli

Amadirishya ya shapeli afite amashusho atandukanye yerekana kandi yibutsa Yesaya 11:2




Inzicht




Kracht




Verstandig beleid




Kennis




Eerbied voor de Eeuwige

Turifuza kandi kubajyana muri shapeli y'uruziga (kuko inzu gakondo y'Umunyarwanda yari izengurutse): yateguwe na Padiri Claessens afatanyije n'umwubatsi w'umuporotesitanti. Ni yo mutima wa Foyer de Charité. Amasengesho y'amasaha (getijden) ahizihirizwa buri munsi; icyo gihe humvikana amajwi meza kandi aciye bugufi y'ababikira, aherekejwe n'ingoma. Hari umwanya munini w'ituze n'isengesho.

Ibice byose bigize iyo shapeli bifite ibisobanuro byimbitse by'igereranya: urugero, imigozi myinshi iri ku gisenge yerekeza ku batagatifu bose batubanjirije. Imbonerahamwe y'igitambo (altaari) ikozwe mu mbaho 12, ihagarariye imiryango 12 ya Isiraheli—ubwoko bw'Imana buri mu rugendo—n'intumwa 12. Ku rukuta hari ishusho ya Madona y'umukara. Inyuma y'imeza y'igitambo hamanitse umusaraba utariho Kristo (corpus Christi). Kubera iki nta mubiri wa Kristo uriho? Padiri Claessens yasubije ati: "Umibiri uriho ni mwebwe!"

Hari amadirishya mato 6 adasanzwe agaragaza imbuto z'Umwuka wa Mesiya, nk'uko bivugwa muri Yesaya 11:2.

Jan yari inshuti ikomeye ya Padiri w'umunyapolonye Zdzislav, wayoboye kuva mu 1994 kugeza mu 2019 retraites nyinshi zerekeye ubwiyunge. Yabaye inkunga ikomeye kuri benshi.

## (2007-2014) Motel (2016-kugeza ubu)

# UBWUZU

### Bisobanura “vreugde”

**Guhera mu mwaka wa 2009, “UBWUZU” buyobowe n’umwete n’ubushake bwinshi na Blandine Kamuyumbu (wavutse mu 1953). Ni motel yoroheje imeze nk’iy’umuryango, yihariye ku kwakira neza abashyitsi, ibiciro biboneye n’igikoni cyiza. Ifite ibyumba 6 bifite ubwiherero n’aho kwiyuhagirira. Hari abakozi 10 bahoraho n’abandi bahamagarwa igihe bibaye ngombwa.**




Itangira ryabayeho mu mwaka wa 2009 bitewe n’inkunga yatanzwe na Lions Club Haaksbergen, ku bufatanye na Boh Foi Toh na Restaurant De Watermölle. Banki ya RaboBank Almere na yo yatanze inkunga yo kugura ihema rinini n’ameza.



2005 Iyi nzu nini (villa) ishobora gukodeshwa ikanahindurwa.



2013 Ubusitani bwateguwe neza cyane, kandi ni ho hanabera ibirori byo kwakira abashyitsi



Itsinda ry'abambyinyi



**2013 Umucuranzi w' inanga (harpe)**




**2015 Itsinda ry'abambyinyi (Intore)**



**Ibanga rya Blandine ni ifuru rikoreshwa n'inkwi**



Urugendo rwo gusura igishanga cya Rugezi



Imisambi



Umuryango wiyakira kumugoroba



Bert ari guhuza insinga za interineti zo muri interineticafé



Internetcafé

Nyuma, muri Mata 2014 hashyizweho serivisi ya Internet (café), yashyizweho na Bert ten Kate. Hanashyizweho imbaraga nyinshi mu bukerarugendo burengera ibidukikije n'umuco: ibishanga bya Rugezi (ingendo zo kureba inyoni), abayobozi b'ingendo zo gutembera n'amaguru, amatsinda y'imbyino, ubuhanzi n'ubukorikori n'ibindi.

Ku itariki ya 1 Kamena 2014, kubera imigambi mibisha n'ibirego by'ibinyoma, UBWUZU yafunzwe na Leta. Abakozi bari ku kazi icyo gihe (abantu 6) barafunzwe, barekurwa nyuma y'imyaka ine. Icyemezo cya nyuma cy'Urukiko rw'Ikirenga cyavuze kiti: "Nta cyaha" (!!). Umuryango IFUNI wafashije mu kwishyura ikiguzi cy'imanza cyajyanaga no gushaka ubutabera.

Mu mwaka wa 2016, Blandine yakomeje ku butwari atangiza UBWUZU-II.

Yabonye ahantu hashya hafi ya gare ya bisi. Abakozi bari barasezerewe bongeye kubona akazi. Igikoni cyahise kigira izina ryiza. UBWUZU-II yongeye kugaragara mu gitabo mpuzamahanga cy'ingendo Bradt kigenewe ba mukerarugendo.





Ubwuzu-II

Blandine atwakiriza gateau




Abagemura ibicuruzwa bari mu kazi kabo

## Hannah ministries

# Tumurere Byumba

**Igihe Musenyeri w'Abangilikani wa Byumba, Rwaje Onesphore, yagirwaga Arikiyepiskopi wa Kigali mu 2011, byabaye ngombwa ko umushumba mushya wa diyosezi, Ngendahayo Emmanuel, asubira gushaka inkunga nshya zo gushyigikira umushinga wa Tumurere.**

### Ubufasha bwihutirwa 2013-2014

Umugore wa Musenyeri Rwaje yari yarayoboye imishinga itandukanye y'iterambere i Byumba, harimo na gahunda yo kwita ku bana bafite SIDA bahabwaga amafunguro meza buri munsi. Hanabayeho amahugurwa y'abakobwa bato bigishwa kudoda, kandi itsinda ry'abagore ryakoraga ibiseke.

Umugore wa Musenyeri mushya ni we wahise ahabwa izi nshingano. Musenyeri Emmanuel Ngendahayo yashatse inkunga zo gukomeza iyo gahunda yo kugaburira abana bafite VIH/SIDA maze asaba IFUNI ubufasha.



Itsinda ry'abagore riboha ibiseke

Mu kwezi kwa Kamena 2013, Rotary Club Haaksbergen yatanze inkunga ya € 4000, naho umuryango IFUNI ubwawo utanga € 1500 mu mwaka wa 2014. Izi nkunga zatumye bishoboka ko abo bana bahabwa amafunguro mu gihe cy'umwaka umwe. Bityo, umushumba wa diyosezi (piskopi) yabonye umwanya wo gukomeza gushaka izindi nkunga zo gushyigikira umushinga wa Tumurere.



Guteka amafunguro agenewe abana bafite VIH/SIDA



Abana bari kwita ku nkwavu



Ibiseke byaboshywe byiteguye kugurishwa

## (2014 – 2024)

# APAPEB

## bigisha no gukoresha internet

**APAPEB ni ishuri ryigenga ryisumbuye ryashinzwe n'ababyeyi i Gicumbi (ryahoze ryitwa Byumba). Mu ntangiriro za 2014, IFUNI yatangiye gukorana na ryo ubwo hari hateganywa gushyirwaho café ya interineti muri UBWUZU.**

Bert ten Kate, umwarimu wa IT muri ROC Twente, ni we watumye café ya interineti itangizwa muri Mata 2014. Yashyizeho ibikoresho byose kandi ashaka ubishinzwe/umwe mubize IT mu ishuri rya APAPEB.

Aho ni ho banumusabiye kubabonera mudasobwa zigendanwa z'ishuri. Muri uwo mwaka no mu ntangiriro za 2015, IFUNI ifatanyije n'abashyitsi baturutse mu Buholandi yabazaniye mudasobwa zigendanwa 24 zasubiwemo (refurbished), zigezwa kuri APAPEB.




Ikirango cya APAPEB

Mu 2016 no mu 2017, hari abarimu babiri b'Abaholandi bari mu mahugurwa (stage), harimo Dewi ten Kate, umukobwa wa Bert, bamaze igihembwe batanga amasomo y'Icyongereza.

Abayobozi b'ishuri bifuzaga kubaka urukuta ruzengurutse ikibanza cy'ishuri, hagamijwe umutekano no kwirinda ibibazo by'amazi menshi.



Umubare w'abanyeshuri waragabanutse uva kuri 700 ugera kuri 400, bitewe n'uko Leta yahagaritse inkunga yagenerwaga amashuri yigenga. Ubu iyo nkunga igenerwa gusa amashuri ya Leta. Kubungabunga no gukomeza imikorere y'ishuri bigenda birushaho kugorana.

Mu mwaka wa 2020, Bert ten Kate yongeye gutanga inkunga ya mudasobwa zigendanwa 18 n'ibikoresho byazo by'inyongera, kuko mu itsinda rya mbere rya mudasobwa zari zatanzwe, disiki zarimo (hard disks) zari zaribwe.




Internetonderwijs

Mu 2023, Bert yongeye gusura ishuri ari kumwe n'umukobwa we Dewi; icyo gihe ishami ry'ubwubatsi ryari mu bizamini.

Mu 2024, ishuri ryagurishijwe Kiliziya Gatolika. Ubu hashyizweho urukuta ruzengurutse ikibanza cy'ishuri, kandi ryaravuguruwe. Ishuri ryagumye gufasha aka karere.



Kureba uko ubwubatsi bugenda



Itsinda ry'abarimu n'intumwa zaturutse mu Buholandi , Bert na Jan

# HOPE

# Nursery School

Muri Byumba, guhera mu mwaka wa 2014, hari ishuri rito ry'incuke rifite abana bagera ku 100. Batangiye bakorera mu shapeli yakodeshwaga n'itorero ry'Abanazareti.

## Byumba



Bari gukurikira isomo



Binyuze mu buhuza bw'Umuryango IFUNI, ishuri ry'incuke rya Stichting de Waterlander ryabonye inkunga mu mwaka wa 2021 yo kugura inzu iboneye no kuyihindura kugira ngo ikoreshwe nk'ishuri ry'incuke.

### Uburezi kuri bose

Ishuri ry'incuke ryatangijwe na Louise Uwimana. Ni umwarimukazi, ariko kubera inshingano z'umugabo we (Perezida wa E.P.R.), yahisemo ku bushake bwe kuganira n'abaturage bakennye bo mu gace k'aho batuye ku byo bakeneye mu burezi, cyane cyane ishuri ry'incuke rihendutse. Ku baturage, amafaranga y'ishuri angana na 35.000 Frw buri gihembwe (hafi ama ero 35) yari menshi cyane. Mu biganiro n'ababyeyi, byemejwe ko hazasabwa ama ero 3 ku kwezi.

Kandi ikirenzeho ni uko nta mwana wirukanwa ku ishuri iyo hari igihe ababyeyi badashoboye kwishyura ayo mafaranga.



2022 Jan yarabasuye


Abana bakurikirana isomo babyitayeho cyane




Ahahoze hiyuhagiririrwa n'ahashya hiyuhagiririrwa hafite n'ububiko bw'amazi


Kwakira abashyitsi



Intego y'ishuri ni kwakira abana bato kugira ngo bafashwe gusabana n'abandi kandi bahabwe ubumenyi bw'ibanze bwo mbere y'amashuri, kugira ngo batava mu ishuri ry'incuke nta mpamvu. Ababyeyi bashobora kujya mu kazi iyo abana babo bakiri bato bakiriwe (mu rwego rwo kurwanya ubukene). Nanone, aho hantu hashobora gutegurirwamo n'ibindi bikorwa, nk'amasomo yo gusoma no kwandika (abaturage bakuru).

Buri mwana ahabwa ifunguro rigizwe n'igikoma (porridge). Ishuri rifite inka ebyiri zitanga amata, kandi ryahawe n'ibikoresho by'imikino byigisha, byatanzwe n'inshuti z'u Rwanda z'Abadage.



Abana bakina iby'abana



Ahateganyirijwe kwagurwa

# Rainbowschool

## Ndera / Buhoro

**Muri Ndera/Buhoro, kominote ya paruwasi EPR-Kanombe, i Kigali,hari abana benshi bafite kugeza ku myaka 7 bazereraga badafite aho barererwa. Ababyeyi babo nta kazi gahoraho , nta n'butaka bafite, kandi bagomba gushaka uko babaho nk'abakozi ba nyakabyizi cyangwa bakora ubucuruzi buto cyane, nko kugura no kongera kugurisha imboga. Benshi ntibazi gusoma no kwandika.**

Epa na Violette, abari ku isonga muri uyu mushinga, bimukiye i Ndera mu 2012. Kuva icyo gihe, hashinzwe umuryango muto w'abakirisitu kuri uwo musozi, mu cyumba cy'uruganiriro rw'inzu yari ikiri kubakwa.Byari "inzozi" za Epa gushinga ishuri ry'incuke cyangwa se inyubako rusange ikoreshwa mu bikorwa bitandukanye: kwakira abana mbere y'ishuri, amasomo yo gusoma no kwandika, amatsinda y'abagore, amatsinda yo kwizigamira, aho gusengera n'ibindi.Umuryango wari waratangiye kwikusanyiriza amafaranga mu kigega cyiswe "inkoni ya Mose".



Uko byatangiye (2013)



2014 ' Inzozi za EPA'

"Aha ni ho ishuri rizubakwa.."

Fondasiyo IFUNI yashatse gutanga inkunga. Mu mwaka wa 2014 twatanze amayero 5000 yo kugura ikibanza, kandi mu 2015 twongeyeye gutanga indi nkunga yo gukomeza gutegura no gushyira mu bikorwa umushinga w'ishuri ryuzuye rizubakwa mu byiciro byinshi. Mu Rwanda ntibigeze bicara; paruwasi ya EPR i Kigali/Kanombe yari kuzaba ari yo ifite inshingano z'ikirenga ku mushinga.

Een Hashyizweho komite ishinzwe kubaka. Byari biteganyijwe ko inyubako izubakwa mu byiciro 3. Uruhushya rwo kubaka ku byiciro bya 1 n'icya 2 rwabonetse muri Nzeri 2018.

Twakomeje kwizigamira. Ku bufatanye n'abandi barimo KIA, St. de Houtmaat, PG Meppel na Wilde Ganzen, hamwe na za diyakoniya zitandukanye n'abantu ku giti cyabo, mu 2019 hashyizweho ibuye rya mbere. St. IFUNI yari gufasha gutera inkunga icyiciro cya mbere (ibyumba 2 by'amashuri bifite n'icyumba cy'urusengero n'ubwiherero).

WILDE GANZEN
Klein project Groot verschil



ibuye rya mbere ry'icyiciro cya 1 muri Nzeri 2019



Gusura ishuri riri kubakwa muri Gashyantare 2020



Ubwubatsi mu mpeshyi ya 2020

Mu mpera za 2019, muri Amerika bemeye gutera inkunga icyiciro cya 2 (+ andi mashuri 4). Ariko muri Mata 2020 haje icyorezo cya Corona, no mu Rwanda kirahagera. Ibintu byose birahagarara. Hahise hatangizwa igikorwa cy'ubutabazi bwihutirwa bwo gutanga ibiribwa, gitegurwa n'Ishyirahamwe IFUNI na Wilde Ganzen. Byabaye impeshyi ndende, igoye kandi irimo imvura nyinshi. Ibiciro byose byarazamutse, cyane cyane iby'ubwubatsi. Muri Amerika ntibyashobotse kongera gukusanya inkunga kubera Corona, kandi aho kubaka icyiciro cya 2 hari hamaze gucukurwa umusingi. Bityo ishuri ntiryashoboraga gutangira. Kubera ibyo hashyizwemo icyiciro cy'agateganyo, kubufatanye na Wilde Ganzen n'itorero (PKN) rya Neede.

aho hashyizweho igisenge: icyiciro cya 2A. Hanubatswe n'igikoni (itegeko rishya ryashyizweho na Leta). Bityo ishuri ryashoboye gutangira icyiciro cya mbere m'ugushyingo 2021.



Turacyashobora gukomeza




Icyiciro cya 2A gifite igisenge



Gusengera ifunguro rya saa sita



Abana mu kwiga kuba ababyeyi



Ikibuga cy'imikino cya St. de Houtmaat



Ibirori by'Isozwa ry'umwaka w'amashuri

Hagati mu mwaka wa 2022, mbere y'uko byari byitezwe, muri Amerika habonetse inkunga yo kurangiza umushinga wose w'icyiciro cya 2.

Dore rero igisubizo cyavuyemo: ishuri ry'incuke ryuzuye, rifite inzu nini ishobora gukoreshwa mu bikorwa bitandukanye,harimo no kuba icyumba cy'urusengero, igikoni cyiza, ubwiherero, ibyumba 4 by'amashuri n'icyumba cy'abarimu. Ni inyubako ifite umusingi ukomeye, wateguwe ku buryo ishobora kuzubakwaho indi etaje nk'ishuri ribanza hejuru yayo (icyiciro cya 3). Ni inshingano ikomeye kuri EPR yo kuyobora iri shuri ry'incuke no gutegura iyubakwa ry'ishuri ribanza!

Icyiciro cya mbere cy'ishuri ribanza cyatangiye muri Nzeri 2023. Kugeza ubu, hamaze no gushyirwaho icyiciro cya 2.




Ihinduka rikomeye ry'inzu nini riri gukorwa



Icyiciro cya 2 cyarangiye, mu gihe cy'itumba rya 2022.





2022 Utumarayika tuje kuririmba

igihe Epa na Violette bari bijihije imyaka 45 bamaranye







Abana ba mbere barangije ishuri ry'incuke, bambaye amakanzu n'ingofero (toga na baret mui mpeshyi ya 2023), bagiye mu mwaka wa mbere w'ishuri ribanza.

Hanubatswe kandi inzu y'urusengero ishobora gukoreshwa mu bikorwa bitandukanye.
Ariko, kubera amabwiriza ya Leta, gusengeramo byabaye bihagaritswe kuko hari ibisabwa bitujujwe. Urugero ni nk'ubwiherero butandukanye bw'abantu bakuru.
Nk'impano yo gusezera, Nelleke na Jan bifuza gutanga ibitambaro byo gukoresha k'uruhimbi (kathedra). Ibyo bitambaro bizakorerwa mu Rwanda.
Icyiciro cya 3 ni inzozi z'ahazaza: kubaka etaje ya kabiri hejuru y'inyubako iriho, kugira ngo Rainbow School ikure ibe ishuri ribanza ryuzuye. Ni inshingano n'ikorwa rikomeye ku itorero rihari!



Kugeza ubu, ishuri rihabwa buruse z'abana b'incuke 60, zingana na amayero 100 kumwana, ku mwaka, zinyujijwe kuri Stichting IFUNI. Birashoboka ko ibyo bizakomeza gukenerwa. Ni yo mpamvu amafaranga azaba asigaye igihe Stichting IFUNI izaba  itagikora mu 2025, amafaranaga azakomeza kubikwa no gukoreshwa kuri uwo mushinga binyuze mu rindo shyirahamwe (ONG). Icyiciro cya 2 cy'ishuri ribanza na cyo cyatangiye muri Nzeri.

Dushimira cyane Mwenedata Epaphrodite na Nyirarukundo Violette, Pasteur Mukankumburwa Angelique n'abandi bose bagize uruhare mu gutuma ibi bikorwa byo gutangiza iri shuli bigerwaho



## Ingendo zateguwe n'

# IFUNI

## ku bantu babyifuza.

**Kuva mu itangizwa rya IFUNI, "guhura" hagati y'Abanyarwanda n'Abaholandi byari kimwe mu ntego zacu. Ibyo byashoboraga gukorwa,**



Guhura n'abagore bo mu ihuriro rikora ibipupe

Ubukerarugendo ni isoko nziza y'amafaranga ku Banyarwanda. Ni yo mpamvu kuva mu ntangiriro zo mu 2009 twashyigikiye Motel UBWUZU i Byumba. Uretse amacumbi ahendutse, hahabwa kandi agaciro ubukorikori (artisanat),

amatsinda y'imbyino, abakaraza b'ingoma, hamwe n'ingendo z'ubukerarugendo n'abayobora ba mukerarugendo.



Amahugurwa: kuvuza ingoma i UBWUZU : barabanje, natwe dukurikizaho!

### Ingendo zaranzwe n'ibi bikurikira

- kwita ku mateka n'umuco w'u Rwanda:
gusura urwibutso rwa Jenoside (memorial) n'inzu ndangamurage zitandukanye;
- kwita ku bibazo by'iterambere:
gusura imishinga itandukanye, gusobanurirwa ku byo umuntu abona no guhura n'Abanyarwanda;
- kwita ku bidukikije:
gusura pariki y'inyamaswa ya Akagera, ibishanga bya Rugezi bifite inyoni nyinshi cyangwa ishyamba; ndetse byashoboka no gusura ibirunga cyangwa kureba ingagi.





Parike y' Akagera



Kureba inyoni mu bishanga bya Rugezi hafi ya Byumba



Gusura ingagi n'ibirunga

Ingendo zari "low budget", ariko ntizari zihendutse, kuko twajyanaga n'amatsinda mato. Amatike y'indege n'ingendo zo mu Rwanda birahenze. Abitabiraga bagombaga kuba bafite ubushobozi bwo kugenda neza (mobile).



Nyanza  Inyubako y'icyitegererezo y'ingoro y'umwami i Nyanza

Twaharaniraga ko 10% by'amafaranga y'urugendo bisigara, maze bigashyirwa mu mishinga. Ikindi kandi, buri gihe twashoboraga kuzuza ivarisi ya kabiri k'umuntu tuyishyiramo ibikenewe ku mishinga.

Habagaho umunsi umwe wo kwitegura, urutonde rw'ibintu byo gutwara n'urutonde rw'iby'ingenzi byo kwitaho mbere yo guhaguruka. Twafatanyaga kwandika igitabo cy'urugendo (logbook).
Nyuma y'urugendo, buri gihe habagaho igihe cyo kongera guhura (réunion) kandi byagenze neza.



Byashimwaga ko Jan azi neza u Rwanda kandi akavuga Ikinyarwanda, kandi ko Nelleke ari umuganga. Ibyo byatumaga imikoranire n'abantu bo mu Rwanda irushaho kugenda neza.

Habayeho ingendo ebyiri nini z'amatsinda, mu 2011 no mu 2013; hanabayeho n'izindi ngendo nto z'umuryango n'inshuti. Kandi by'umwihariko, habayeho gusura imishinga kenshi cyane.

# Inkunga binyuze m’ utabazi bwihuse n’indyo yuzuye

**Hari inshuti nyinshi zazaga zifasha,aho impano nto yazo yashoboraga gukora byinshi: gufasha mu bukwe cyangwa mu gushyingura,gufasha mu masomo. Iyo nkunga yagiye itangwa mu myaka**

**Hari imishinga 2 minini:**

Mu 2015 i Byumba (muri iki gitabo byasobanuwe birambuye). Aho twamaze umwaka umwe dufasha abana bafite VIH kubona indyo yuzuye kandi iboneye.

Mu 2020, mu gihe cy’icyorezo cya Corona n’igihe cya guma mu rugo (lockdown), igihe nta muntu washoboraga gukora, haba n’i Ndera ku ishuri, muri Kamena imiryango 50 yahawe ibiribwa n’amafaranga yo kugura amakara; muri Kanama indi miryango 100 na yo yongeye guhabwa iyo nkunga. Ibyo byose byashobotse kubera inkunga ya Wilde Ganzen.



Uko wabonaga abana mu muhanda





Baje gufata imfashanyo y’ibiribwa bambaye neza kandi basukuye

# Inkunga binyujijwe muri buruse ku banyeshuri

**Kuva mu ntangiriro ya mbere mu 2003, abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye batangiye guterwa inkunga.**

**Akenshi bari abana b'ababyeyi bari bafunzwe, abo twari tuzi neza.**

Nyuma yaho, na bamwe mu banyeshuri ba kaminuza batangiye guterwa inkunga, bitewe n'ubusabe bwihariye cyangwa binyuze mu gukusanya inkunga rusange (crowdfunding).



Noella Ingabire

**Buruse.**

Mu myaka yose ishize twagiye duhura n'abantu basabye IFUNI kubafasha mu kwishyura amafaranga y'ishuri y'abana babo. Ibi byababaga ngombwa kubera ubushomeri, urupfu cyangwa ifungwa ry'umwe mu babyeyi. Mu ntangiriro, amashuri yisumbuye yategurwaga binyuze muri Stichting Vrienden van Rwanda. Hari n'abakuze bake bahawe buruse. Ku buruse nini, twifashishaga gukusanya inkunga rusange (crowdfunding).

Muri abo harimo umukobwa wa Fulgence Sebuhoro na Adeline: Noella yize ibijyanye n'ubuvuzi bwo mu mutwe (kliniki y'imitekerereze), nyuma aza kuba umukozi w'agaciro muri gahunda ya Community Based Sociotherapy.

Kuva mu 2018, twatangiye gutanga cyane cyane buruse z'abana b'incuke, zigenerwa ishuri ry'incuke i Gisenyi ku bana b'ababyeyi batishoboye. Mu 2022 hiyongereyeho buruse nyinshi z'abana b'incuke, mu gihe hatangizwaga ishuri ry'incuke i Kigali/Ndera. Ibyo tuzakomeza kubikora kugeza igihe Stiftung IFUNI izahagarikwa. Nyuma yaho, amafaranga yo mu kigega cya buruse azashyirwa ahandi muri ANBI izaba ishobora kuba umuhuza (mediator) w'iki kigega cya buruse. Intego ni uko n'abandi bazashobora gukomeza gufasha mu gutanga buruse z'abana b'incuke binyuze kuri uwo muhuza. Diyakoniya yo ku rwego rw'aho hantu ni yo igena abakeneye izo buruse.

## Ku bufasha bwa benshi

# Gushimira

Mu myaka 20 ishize, hamaze kwakirwa hafi amayero 350.000. Uretse ibyo, hatanzwe n'inkunga mu

## Inkunga y'amafaranga

Mu buryo bwihariye turashimira:

- Diyakoniya y'Itorero ry'Abaporotesitanti i Haaksbergen, mu myaka myinshi ishize.
- Stichting Rotterdam
- Stichting "Het arm Kinderhuys van Breda"
- Vijverbergconcerten
- Lionsclub Haaksbergen
- Rotary Haaksbergen
- Impulsis
- Insingerstichting
- Wilde Ganzen
- KIA Meppel (2017–2020)
- KIA Neede (2020–2023)
- Diyakoniya y'Itorero ry'Abaporotesitanti i Zutphen
- Diyakoniya y'Itorero ry'Abaporotesitanti i Losser
- NPB Eibergen
- Stichting Oorsprong, Doel en Zin
- Stichting de Houtmaat, Hengelo
- Groothuisfonds, Hengelo
- Zendingsdiaconessen i Amerongen
- Soroptimisten zo muri Enschede
- De Hofstee Stichting
- Stichting de Waterlander
- Stichting Jan en Anje Perdok

Byongeye kandi, twahawe inkunga nini n'into zitandukanye ziturutse ku bantu ku giti cyabo benshi. Abo ntitubavuze umwe ku wundi! Tubara buri faranga twahawe kandi tukabyishimira. Nta mubare w'amafaranga tuvuga muri aka gatabo.

### Inkunga zatanzwe mu bintu (in natura):

Sport 2 All (imyambaro ya siporo),
Piscine de Wilder (ibikoresho byo koga),
na ROC Twente (mudasobwa zigendanw

# Ibyerekeye Ishyirahamwe IFUNI.

**Izina ryavutse rikomotse ku mugani w'ikinyarwanda:**
**"IFUNI ibagara ubushuti ni akarenge"**



bivuga ngo **"het afgesleten hakje, waarmee je het onkruid uit de vriendschap houdt, is de voet",**

cyangwa:

**"Ubucuti busaba gushyiramo imbaraga no kugenda usura abandi".**

Umuryango washinzwe ku wa 22–10–2009.
Wanditswe mu Rugaga rw'Ubucuruzi (K.v.K.) rwa Oost-Nederland, nimero 08209062. Ufite status ya ANBI. RSIN cyangwa nimero y'imisoro: 8214 16 601.
Intego z'umuryango n'amakuru biboneka kuri: www.stichtingifuni.nl

Inama y'ubuyobozi igizwe n'abakorerabushake:
Jan van Schaardenburgh, perezida,
Nelleke van Schaardenburgh- Luijendijk, umunyamabanga / umubitsi,,
Toon 't Hoen, umujyanama mu by'amashuri, Bert ten Kate, umujyanama rusange n'ibijyanye na IT, Michel Bihimana, umujyanama mu by'IT n'u Rwanda.



Urubuga rwa interineti rucungwa kuva mu 2014 na Marike na Fieke Luijendijk; mbere yaho rwacungwaga na Michel Bihimana. Nyuma ya 2024, niwe uzakomeza kurucunga.

IBAN-nr. NL67RABO0154 1742 38
t.n.v. Stichting IFUNI, Haaksbergen RSIN- of fiscaalnummer 8214 16 601

Ku bindi bisobanuro bijyanye na:
Itorero, EPR/PCR: www.epr.rw
Ambasade y'u Rwanda mu Buholandi: www.ambalahaye.nl
cyangwa ku bijyanye n'ingendo zijya mu Rwanda: www.rijksoverheid.nl/onderwerpen/reisadviezen

## Ijambo risoza **“ Iyo umuhigi ari we ubara inkuru, intare ntiyigera iba intwari”**



Umugani wo muri Afrika uvuga uti:

Uvuga inkuru ni we ugena uko iba imeze. Ni yo mpamvu guhura hagati y’abantu no “kubana na bo” ari iby’agaciro cyane ku bantu badafite ububasha. Ibyo ni byo Stichting IFUNI yashakaga kandi yakoze. By’umwihariko twabonaga “abarokotse” bari ku ruhande rw’umuryango mugari nk’intwari.

Kuva mu 1977 kugeza 2024, imyaka 47 yose, ubuzima bwacu bwari bushingiye ku Rwanda. Twize, buhoro buhoro kandi tunyuze mu makosa no mu kwiga, ururimi, abantu n’umuco wabo. Twahabonye inshuti z’ubuzima bwose. Twabonye ubukire bw’umuco n’imibanire myiza hagati y’abantu.
Twabonye ubuhanga n’ubushobozi bw’abantu bwo guhangana n’ubukene n’ubuke bw’ibikoresho.
Kubaho nyuma y’igihe cya Jenoside! Twabonye kandi uko ububasha bushobora konona umuntu,
n’uko amategeko akenshi arengera abafite amahirwe kurusha abandi.

Ubu turagenda dusaza kandi tugomba kurekura. Dushimira ibyo twashoboye kubona no kubamo mu Rwanda.
Ku bufatanye n’abagize inama y’ubuyobozi hamwe n’abandi bose bashyigikiye ibikorwa bya IFUNI mu myaka ishize,
ariko cyane cyane ku bw’abari ku isonga ry’ibikorwa mu Rwanda, ni ho ibyo byose byashobotse. Kenshi byari inkuru nziza. Inkuru mbi ni uko hari n’abantu bashaka ububasha n’inyungu zabo bwite. Ariko ntituzemera ko ibyo biduhindura cyangwa bidutegeka. Turashimira buri wese wagize uruhare, tubivanye ku mutima!

Icyo ejo hazaza hazana cyose, twiringiye ko twese tuzakomeza kugotwa n’Urukundo rw’Imana.

Amahoro, ibyishimo n’ibyiza byose,

Jan na Nelleke van Schaardenburgh – Luijendijk

# Ikarita nshya y'u Rwanda









**Mariko 6:41-44**

# Rwanda (tot 1997)




Stichting
Ifuni
Kleinschalige projecten
voor:
Armoede bestrijding
Geitencoöperaties • Poppen en kaartenatelier
Samen land bewerken • Zeepfabricage,
Transport d.m.v. fietsen
Scholing
Alfabetisatie • Kleuterschool • Beurzen • Sport
Ecotourisme
Motel UBWUZU • Dansgroep • Gidsen
'ontmoeting' tussen
Rwanda en Nederland
Voor info:
www.stichtingifuni.nl